Rapport Cl

/NY.MB/F.B/

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

SIPORO UMUCO NO KWIGISHA

IMYUGA ICIRIRITSE MURI

CYANGUGU

Cyangugu, kuwa 16/05/1998

N° 037/08.01/03

AS suivi Os 28.5.98

26/5/98

3062/ 4

Bwana Perefe wa Perefegitura

CYANGUGU

Impamvu : Kohereza P.V. y'inama.

Bwana Perefe,

Hamwe n'iyi baruwa, mbohereje inyandiko mvugo y'inama twagiranye n'abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse bo mu ma Komini ya Perefegitura ya Cyangugu hamwe n'wari ahagarariye amakipe GIHUNDWE F.C. na MOTARS F.C. mu rwego rwo gutegura Shampiyona y'umupira w'amaguru.

Nizeye ko mubyakira neza kandi mbaye mbashimiye.

UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

NYILINGANGU Mbonyi

REPUBLIQUE RWANDAISE — MIJESCAFOP — ENCADREMENT PREFECTORAL CYANGUGU

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi wa Siporo muri MIJESCAFOP
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi wa C.F.J.
  MUHALI
- Bwana Encadreur wa Komini (Bose)
  .............
- Bwana Umuyobozi wa Equipe
  - GIHUNDWE F.C.
  - MOTARS F.C.

/NY.MB/F.B/

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
SIPORO UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE MURI
CYANGUGU

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO BO MU MAKOMINI YATEGUYE SHAMPIYONA Y'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWEGO RW'AMAKOMINI YA PEREFEGITURA CYANGUGU

Inama yatangiye saa tanu zuzuye ku itariki ya 05 Giourasi 1998 iyobowe n'Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse ari kumwe na :

| | |
|---|---|
| - MURERWA Gaspard | Umuyobozi w'Urubyiruko wungirije muri Perefegitura |
| - MUSABYIMANA Joseph | Umuyobozi w'Urubyiruko muli Komini Kirambo |
| - NKUBIDAKOREKA Stany | " " " : Kagano |
| - SIMBIZI Célestin | " " " Cyimbogo |
| - HATEGEKIMANA Donat | " " " Karengera |
| - NIYOMUGABO Samson | " " " Gatare |
| - MUKARUKAKA Pélagie | " w'Amashyirahamwe " Gisuma |
| - KAJIGO Djuma Honoré | Umuyobozi wa CFJ MUHALI |
| - MUGEMA Ndunguţse | Umwe mu bagize inama y'Urubyiruko mu rwego rw'Igihugu |
| - NSENGIYUMVA Samuel | Uhagarariye Ikipe GIHUNDWE F.C. , na |
| - BUNANI Faustin | Umunyamabanga b'Ubuyobozi bw'Urubyiruko muri Cyangugu |

ABASIBYE MU NAMA ARIKO BAGIZE IMPAMVU :

| | |
|---|---|
| - RUGEMINTWAZA Gervais | Umuyobozi w'Urubyiruko muri Komini Nyakabuye |
| - NTAWURUHUNGA Théogène | " " " Kamembe |
| - HABIMANA Damase | " " " Gishoma |

ABASIBYE MU NAMA NTA MPAMVU :

| | |
|---|---|
| - KABAGEMA Florien | Umuyobozi w'Urubyiruko muri Komini Bugarama |
| - BITSIKARA Corneille | " " " Gafunzo |
| - NIYITEGEKA Pierre | " " " Busozo |

Umuyobozi w'Urubyiruko muri Perefegitura, Bwana NYILINGANGU Mbonyi yatangiye abwira abari mu nama ko iyi nama igamije gutegura Shampiyona y'umupira mu rwego rwa Komini, kugira ngo hazaboneke abakinnyi b'ababahanga bazunganira Equipe SIMBA F.C. ya Perefegitura, kandi iyo shampiyona ikaba yari isanzwe iteguriwe kuzakorwa muri uyu mwaka ndetse muri iki gihembwe. Yashimiye kandi abitabiriye inama, maze abasaba buri wese gutanga ibitekerezo bye kugira ngo iyi shampiyona itegurwe uko bigomba.

.../...

ko mbere yo kwinjira mu kibuga, buri mukinnyi azajya yerekana ikarita imuranga bityo umusifuzi akareba ko ari kuli liste kugira ngo hatazagira ikipe ikinisha abakinnyi batari abayo.
Hemejwe kandi ko imikino ya 1/2 Final na Final izakinirwa kuli Stade KAMARAMPAKA.

Ku zindi ngingo zose zali zateguwe, abari munama basanze zikubiye mu mbonerahamwe yari yateguwe n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko muri Perefegitura gusa ikindi kibazo bemeje n'icy'umusanzu. Umusanzu buri kipe igomba gutanga ni amafaranga ibihumbi cumbi (10.000 FRW).

Kubyerekeye akana gashinzwe kuzajya gakemura impaka hatowe aba bakulikira : - Bwana MBONYI NYILINGANGU Umuyobozi w'Urbyiruko ariwe Perezida
- " KAJIGO Djuma Honoré Directeur wa C.F.J. Muhali
- " HABIMANA Damase Encadreur wa Komini Gishoma
- " NSENGIYUMVA Samuel Président wa Equipe GIHUNDWE F.C.

Nkuko byemejwe ko hazakinirwa 1/2 final na Final kuli Stade KAMARAMPAKA, byemejwe ko ba Arbître bazayobora iyo mikino bazahembwa kandi abari mu nama basaba ko Perefegitura ariyo izatanga inkunga izakoreshwa muli icyo gihe cyo kurangiza iyi Shampiyona icyiciro cya mbere kuko icyiciro cya kabili kizategurwa iki cya mbere kirangiye.
Hemejwe kandi ko ba Arbître bazayobora imikino yanyuma bazatorwa mubazayobora imikino yose ariko baka baritwaye neza.

Ibihembo by'abo ba Arbître byagenwe ku buryo bukulira :

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1/2 Final : | Arbître Principal | : | 1.000 FRW |
| | Arbîtres bo hagati | : | 250 FRW/personne |
| Final : | Arbître principal | : | 1.500 FRW |
| | Arbître bo hagati | : | 500 FRW/personne. |

IBINTU N'IBINDI :

Abari mu nama bifuje ko Chapionnat y'umupira w'amaguru yazajya iba nibura kabili mu mwaka; Leta ikaba yashaka uburyo bwatuma bigenda neza (Inkunga)

Hemejwe ko niba hari ikipe itazaboneka mu irushanwa yazabimenyesha akana kabishinzwe hakiri kare kugira ngo gahindure programme bitabujije irushanwa gukomezwa gukorwa.

Umuyobozi w'inama yamenyesheje bayijemo ko hari irushanwa ry'amatorero ya Komini ryateganyijwe, ariko rikaba rizakorwa n'amatorero y'amakomini ya - KAMEMBE - GAFUNZO - GISHOMA na - KAGANO gusa kuko ari Nyakubahwa Major IBAMBASI wabisabye, kandi akaba ashaka ko izakorwa ikazakorwa n'yo makomini gusa .

.../...

/K.J.H/F.B/

REPUBLIQUE RWANDAISE
ENCADREMENT PREFECTORAL
DE LA JEUNESSE DU SPORT
DE LA CULTURE ET DE LA
FORMATION PROFESSIONNELLE
CYANGUGU

## CHAMPIONNAT DES EQUIPES COMMUNAUX DE LA PREFECTURE CYANGUGU CALENDRIER DES MATHS DE FOOT-BALL

### MATCHS ALLER

**POULE A :**

| Dates | N° | Rencontres | Terrain | Heures | Arbîtres |
|---|---|---|---|---|---|
| 17/05/1998 | 01 | KAMEMBE-CYIMBOGO | CYIMBOGO | 15H30 | KAMEMBE |
| | 02 | GAFUNZO -GISHOMA | GISHOMA | " | GAFUNZO |
| 24/05/1998 | 03 | GAFUNZO-CYIMBOGO | GAFUNZO | " | CYIMBOGO |
| | 04 | GISHOMA-KAMEMBE | KAMEMBE | " | GISHOMA |
| 31/05/1998 | 05 | KAMEMBE-GAFUNZO | GAFUNZO | " | KAMEMBE |
| | 06 | GISHOMA-CYIMBOGO | GISHOMA | " | CYIMBOGO |

**POULE B**

| Dates | N° | Rencontres | Terrain | Heures | Arbîtres |
|---|---|---|---|---|---|
| 17/05/1998 | 01 | GATARE-KAGANO | KAGANO | 15H30 | GATERA |
| | | KIRAMBO (PAUSE) | | | |
| 24/05/1998 | 02 | KIRAMBO-GATARE | GATARE | " | KIRAMBO |
| | | KAGANO (PAUSE) | | | |
| 31/05/1998 | 03 | KAGANO-KIRAMBO | KIRAMBO | " | KAGANO |

**POULE C**

| Dates | N° | Rencontres | Terrain | Heures | Arbîtres |
|---|---|---|---|---|---|
| 17/05/1998 | 01 | BUGARAMA-NYAKABUYE | NYAKABUYE | " | BUGARAMA |
| | 02 | BUSOZO-KARENGERA | KARENGERA | " | BUSOZO |
| 24/05/1998 | 03 | NYAKABUYE-BUSOZO | BUSOZO | " | NYAKABUYE |
| | 04 | KARENGERA-BUGARAMA | BUGARAMA | " | KARENGERA |
| 31/05/1998 | 05 | BUGARAMA-BUSOZO | BUSOZO | " | BUGARAMA |
| | 06 | KARENGERA-NYAKABUYE | KARENGERA | " | NYAKABUYE |

**POULE D**

| Dates | N° | Rencontres | Terrain | Heures | Arbîtres |
|---|---|---|---|---|---|
| 17/05/1998 | 01 | GIHUNDWE F.C.-GISUMA | GISUMA | 15H30 | GIHUNDWE |
| | | MOTARS (PAUSE) | | | |
| 24/05/1998 | 02 | MOTARS-GIHUNDWE | GIHUNDWE | " | MOTARS |
| | | GISUMA (PAUSE) | | | |
| 31/05/1998 | 03 | GISUMA-MOTARS | MOTARS | " | GISUMA |
| | | GIHUNDWE (PAUSE) | | | |

N.B. :

POULE A
- KAMEMBE
- GAFUNZO
- CYIMBOGO
- GISHOMA

POULE B :
- GATARE
- KAGANO
- KIRAMBO

POULE C
- BUGARAMA
- BUSOZO
- NYAKABUYE
- KARENGERA

POULE D
- GIHUNDWE F.C
- MOTARS F.C.
- GISUMA

/NY.MB/F.B/

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
SIPORO UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE MURI
CYANGUGU

# AMATEGEKO AGENGA SHAMPIYONA Y'UMUPIRA W'AMAGURU

Ingingo ya mbere :

Iyi Shampiyona y'Umukino w'Umupira w'amaguru yateguwe ku rwego rw'amakomini n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura ya Cyangugu.

Ingingo ya kabili :

Muri iyi shampiyona hazakulikizwa amategeko mpuzamahanga agenga umupira w'amaguru.

Ingingo ya gatatu :

Kugira ngo ikibazo cy'ingendo cyorohe, imikino izakinirwa muri za "ZONE" uko amakipi asaranganwa muri za Zone bigenwa n'inama itegura Shampiyona.

Ingingo ya kane :

Imikino igizwe n'ibice bibiri, igice kibanza (Matchs Aller) n'igice cyo kwishyura (Matchs Retour).

Ingingo ya gatanu :

Gahunda ya Shampiyona ikorwa n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura. Uko amakipe azahura mu 1/2 cy'irangiza bigenwa hakoreshejwe TOMBOLA, mu nama iba yatumiwemo amakipe azakina.

Ingingo ya gatandatu :

Iyo ikipe yifuza ko umunsi w'Umukino uhinduka, yandikira Ubuyobozi bw'Urubyiruko muri Perefegitura kandi igatanga impamvu zabiteye, ikanabimenyesha ikipe zagombaga guhura. Ibyo bikorwa hasigaye iminsi 3 ngo umukino ube.

Ingingo ya karindwi :

Amakipe agomba kugera ku kibuga hasigaye iminota 15 ngo umukino utangire Isaha yo gutangiriraho umukino ni saa cyenda n'igice (15H30).

Ingingo ya munani :

Iyo imwe mu makipe agomba gukina ikerererwe igihe cy'iminota 30, umusifuzi abikoraho raporo, akayohereza Umuyobozi w'Urubyiruko muri Perefegitura. Nta nalimwe umukino ushobora gutangira nyuma saa kumi.

Ingingo ya cyenda :

Abayobozi b'amakipe n'abaje kogeza umukino babujijwe rwose kujya mu kibuga guteza akaduruvayo mu mukino.

.../...

Ingingo ya cumi :

Iyo abayobozi cyangwa abogeza amakipe bateje akaduruvayo mu mukino, iyo ihanwa ku buryo bukurikira :

- Iyo ari ubwa mbere, ikipe izabuzwa kongera gukinira ku kibuga cyayo ku mukino ukulikiraho.
- Iyo ari ubwa kabiri, ikipe ubuzwa gukinira ku kibuga cyayo mu gice cya Shampiyona gisigaye cyose.

Ingingo ya cumi n'imwe :

Ikipe yasuwe iba ifite inshingano zikulikira :

- Gutegura ikibuga kigomba gukinirwaho
- Kubungabunga umutekano w'abasifuzi n'abakinnyi n'uw'abaje kureba umupira, haba mbere y'umukino, mu gihe cy'umukino na nyuma yawo.

Ingingo ya cumi n'ebyili :

Nta kipe n'imwe igomba kwanga gukina, iyo yagize ibibazo, aho guhagarika umukino ibyandikisha muri Raporo y'Umusifuzi.

Ingingo ya cumi n'eshatu :

Iyo imyambaro y'amakipe yombi isa cyangwa yenda gusa ku buryo byatera abasifuzi urujijo, abakinnyi b'ikipe yasuwe nibo bagomba guhindura imyambaro yabo.

Ingingo ya cumi n'enye :

Umusifuzi wo hagati (Arbître principal) niwe ugomba gukora raporo y'umukino, akoyohererezа Umuyobozi w'Urubyiruko muri Perefegitura mu gihe kitarenze iminsi itatu.

Ingingo ya cumi n'eshanu :

ABAPEREZIDA b'amakipe yakinnye cyangwa abahagarariye nibo bafatanya gukora raporo y'uko umukino wagenze, uhagarariye ikipe yasuwe akaba ariwe uyohereza umuyobozi w'urubyiruko muri Perefegitura mu gihe kitarenze iminsi itatu.

Ingingo ya cumi nagatandatu :

Abasifuzi b'umupira batangwa ku buryo bukulikira :

- Mbere yo gutangiza umukino, hakorwa TOMBOLA yo kugaragaza umusifuzi wo hagati,
- Ikipe itabonye umusifuzi wo hagati niyo itanga abandi basifuzi b'ababafasha.

Ariko abateguye irushanwa bashobora gushyiraho ubundi buryo abasifuzi bashyirwaho igihe byabaye ngombwa.

Ingingo ya cumi na kalindwi :

Mu minsi 7 mbere yuko Shampiyona itangira, buri kipe itegetswe kohereza lisiti y'abasifuzi bayo na lisiti y'abakinnyi mu Buyobozi bw'Urubyiruko, Siporo Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura.

.../...

Ingingo ya cumi n'umunani :

Umusifuzi uzananirwa gutunganya umulimo ashinzwe, hakulikijwe uburemere bw'ikosa rye, azahanishwa ibihano bikulikira :

- Kwihanangilizwa
- Guhagarikwa by'agateganyo
- Gusibwa kuli lisiti y'abasifuzi.

Ingingo ya cumi n'icyenda :

Buri kipe yiyemeje kujya muri Shampiyona itanga umusanzu w'amafranga Inama yo gutegura Shampiyona niyo igena umubare w'ayo mafranga. Komini ifite amakipe menshi azajya muri Shampiyona itanga umusanzu w'ikipe imwe gusa.

Ingingo ya makumyabili:

Amafranga y'umusanzu yatanzwe n'amakipe akoreshwa mu kubonera primes abasifuzi mu mikino ibanziliza iyanyuma n'iyanyuma (1/2 final na final) no kwiyakira ku munsi w'isozwa rya Shampiyona.

Ingingo ya 21 :

Buri kipe niyo yishingira abakinnyi bayo, nta na rimwe abateguye shampiyona babazwa ku bibazo abakinnyi bagira cyangwa ikipe.

Ingingo ya 22 :

Hakulikijwe uburomere bw'ikosa, ikipe itubahilijo aya matogeko ihabwa kimwe muri ibi bihano :

- Kwihanagirizwa
- Kwamburwa uburenganzira bwo gukinira ku kibuga cyayo
- Guhanishwa mpaga "Forfait"
- Guhagarikwa gukinam muli Shampiyonamu gihe kizwi (Suspension à durée déterminé)

Ingingo ya 23 :

Nyuma y'irushanwa Ubuyobozi bw'Urubyiruko muli Porefegitura bukora urutondo rw'uko amakipe akulikirana.

Ingingo ya 24 :

Ubuyobozi bw'Urubyiruko muri Porefegitura nibushobora kubona igikombe kizahabwa ikipe ibaye iyambere, ikipe ihawe igikombe yishingira imicungire yacyo, iyo cyibwe cyangwa kikangilika niyo ikibazwa.

Ingingo ya 25 :

Iyo hasigaye ukwezi kumwe ngo Shampiyonaitangire, ikipe ifite igikombe igishyikiliza Ubuyobozi bw'Urubyiruko muli Porefegitura, kugira ngo cyongere gikinirwe.

.../...

Ingingo ya 26 :

Ikipe izegukana igikombe burundu ari uko igitsindiye incuro eshatu zikulikirana cyangwa zidakulikirana.

Ingingo ya 27 :

Ibidateganijwe muri aya mategeko bizakemurwa n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura, bufatanyije na Komisiyo ishinzwe gukemura impaka.

Bikorewe i Cyangugu, kuwa 30/04/1998
UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO
NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
NYILINGANGU Mbonyi.-